UMUNSI WO GUSOZA ICYUMWERU CY'UBUREZI GATOLIKA MURI PARUWASI KATEDRALE YA NYUNDO

Tariki 08 kamena 2018 ubwo muri Diyosezi ya Nyundo muri za Paruwasi zinyuranye ziyigize hagiye gasozwa icyumweru cy'Uburezi Gatolika, muri Paruwasi Katedrale ya Nyundo, gusoza icyumweru cy'Uburezi Gatolika cyabereye mu Rwunge rw'Amashuri rwa Kanama Gatolika. Ubwo ibigo by'Amashuri Gatolika byose abanza n'ayisumbuye bibarizwa muri iyi Paruwasi byari bihagarariwe ; imbyino n'ibiganiro ndetse n'imivuga byerekezaga ku Nsanganyamatsiko rusange agira ati : ***Muri uyu mwaka w'Ubwiyunge muri Kiliziya Ishuli ryacu niribe Igicumbi cy'Urukundo n'imibanire myiza.***

Uyu munsi kandi wabimburiwe n'Igitambo cy'Ukaristiya cyayobowe na Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Nyundo Gaspard KANZIRA. Mu gitambo cy'Ukaristiya yakomeje gushimangira ko abana bakwiye kwigishwa bakiri bato kugirirana urukundo hagati yabo. Dore ko uyu munsi wabaye ari mu gihe Kiliziya ihimbaza Umunsi Mukuru w'Umutima Mutagatifu wa Yezu. Yasabye abarezi n'abarerwa gukomeza kurebera kuri Yezu Kristu we Ugira Umutima utuza kandi akoroshya, kandi akadukunda twese, bityo mu mashuri yabo hakaba koko aho kwigira ubwenge butuma abantu babana neza kandi biteza imbere.

Uyu munsi ugaragara nk'udasanzwe kuko abanyeshuri bahagagariza impano zinyuranye bifitemo, nabo ubwabo bigatuma bisanzura imbere y'ababyeyi babo n'abarezi babo hagahembwa n'abahize abandi.

Mu ijambo risoza Padiri Mukuru yashimiye abateguye uyu munsi bose, ashimira abana uko bateguye ibihangano byabo n'uko bubahirije insanganyamatsiko yatanzwe. Yashimiye kandi ubuyobozi bwa Diyosezi ya Nyundo uko bita ku burezi aboneraho gusaba abarezi bose bari aho gukomeza gukora umurimo wabo wo kurerera Kiliziya n'Igihugu babishyizeho umwete. Kuko uburere ari isiko y'iterambere mu nzego zinyuranye. Yasoje asba ko buri shuri koko ryaba igicumbi cy'urukundo n'imibanire myiza ntibibe iby'uyu mwaka gusa ahubwo bikaba igihe cyose.

Padiri Jean Marie KWIZERA